REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
CENTRE DE FORMATION
PRODUCTION DE LA JEUNESSE
DE GATI.

Gati, le I9/II/1984
Nº 008/84

Impamvu: Ugutererana
Akazi.

Bwana Nkulikiyimfura Jean Baptiste
Umurezi mu kigo cy'i Gati - Muhazi.

Bwana Nkulikiyimfura,

Ngirango uretse kwirengagiza akazi wahawe n'igihugu cyakubyaye, uzi neza akazi ushinzwe mu kigo baguhaye gukoramo kimwe n'amabwiriza yacyo utibagiwe n'amategeko akugenga, uzi neza inzira nziza nakugejejeho ikwiranye n'imyifatire y'umurezi w'urubyiruko kuli taliki ya I8/I0/I984 nkwibutsa bimwe nabihamangilije mu nama yo kuwa 24/8/1984 igihe nali mvuye mu nama i Kavumu - Nyabisindu.

Ibyo byose wabirenzeho, taliki ya I5/I0/I984 wataye akazi ugenda nta ruhusa haba munyandiko cyangwa se mumvugo ugaruka hashize iminsi 4 ubwo ni ukuvuga ko nakubonye taliki ya I9/I0/I984. Taliki ya I2/II/I984 kugeza taliki ya I9/II/I984 uta kazi waliho kandi nta ruhusa haba munyandiko cyimwe no mumvugo.

Ngirango urabona ko uretse na leta, nta mubyeyi wakihanganira umwana yilirwa mu gasozi, nta kore akazi ashinzwe, nyuma akaza gusaba igabu kimwe n'abiliwe bahinga umushiko.

Wirengagije igihe utali mu kigo, ugomba gusaba uruhusa ubuyobozi wawe akamenya igihe usamara iyo ugiye, bitsyo agashobora kuba yasaba ugusimbura.

Urubuga ni urwawe, sobanurira abaguhaye akazi impamvu z'ugutererana akazi kawe.

Dutahilisa umugozi uwe twubaka igihugu cyatubyaye.

Umuyobozi w'Ikigo cy'i Gati.
NDUWIMANA Sylvestre.

Bimenyeshejwe:

- Bwana Ministri w'Urubyiruko no gutsura za Koperative
- Bwana Umuyobozi mukuru ushinzwe Urubyiruko.